Utagiriye impuhwe abantu, Allah Nyir'ubutagatifu nawe ntazazimugirira

Hadithi yaturutse kwa Djarir Ibun Abdillah (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Utagiriye impuhwe abantu, Allah Nyir'ubutagatifu nawe ntazazimugirira."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko utagirira impuhwe abantu, Allah nawe atazazimugirira; kubera ko impuhwe umugaragu agirira ibiremwa ni imwe mu mpamvu zikomeye zatuma ugera ku mpuhwe za Allah.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5439